



Higher Education Council (HEC)  
P.O. BOX 6311

**ITANGAZO RIREBA ABIFUZA GUSABA INGUZANYO YO KWIGA MU BYICIRO BYA BACHELORS, MASTERS NA DOCTORATE, MURI KAMINUZA Y'U RWANDA (UR) NO MU MAHANGA.**

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru na Kaminuza buramenyesha ababyifuza ko kwakira dosiye zisaba inguzanyo yo kwiga mu byiciro bya "Bachelors"; "Masters" cyangwa "Doctorate" muri Kaminuza y'u Rwanda (UR) no mu Mahanga bikorwa kabiri (2) mu mwaka. Mu mwaka w'ingengo y'imari ya Lata 2019/2020, ku nshuro ya mbere bizakorwa guhera 15/07/2019 kugeza 30/07/2019.

**Usaba inguzanyo agomba kuba:**

1. Yaremerewe umwanya wo kwiga (unconditional admission) cyangwa yaratangiye kwiga ku rwego rwa "Bachelors", "Masters" cyangwa "Doctorate" mu mashuri Makuru na Kaminuza byo mu Muhanga.
2. Kuba asaba kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda (UR) ku rwego rwa Masters na Doctorate

**Uburyo bwo gusaba inguzanyo:**

Gusaba inguzanyo bikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga binyuze ku murongo wa interineti wa: [http://bit.ly/hec\\_scholarshipapplication](http://bit.ly/hec_scholarshipapplication)

**Ibisabwa biherekeza ubusabe bw'inguzanyo (bigaragara kuri uwo murongo wa interineti wavuzwe haruguru) ni ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba inguzanyo yandikiwe Umuyobozi Mukuru wa HEC
2. "Unconditional admission" letter itangwa na Kaminuza usaba inguzanyo azigamo cyangwa "Academic progress report" ku basanzwe biga.
3. Fotokopi ya Diplome biriho umukono wa Noteri
4. Umwirondoro w'usaba inguzanyo yo kwiga
5. Fotokopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo
6. Ifoto imwe (1) ngufi ya vuba y'ibara
7. icyemezo cy'umukoresha (ku bakora) cyangwa indi baruwa ishyigikira usaba

**Icyitonderwa:**

1. Kwakira dosiye zisaba inguzanyo ku buryo bw'ikoranabuhanga (online application) Bizarangira taliki ya 30/07/2019 saa sita z'ijoro.
2. Uwamaze gukora ubusabe mu buryo bw'ikoranabuhanga niwe uzana dosiye isaba inguzanyo ku biro bya HEC i Remera; cyangwa akayohereza kuri email: ([scholarship@hec.gov.rw](mailto:scholarship@hec.gov.rw); [rwandahec@gmail.com](mailto:rwandahec@gmail.com)), **guhera taliki ya 15/07/2019 kugeza taliki ya 31/07/2019 saa kumi z'umugoroba (4.00pm).**

Bikorewe i Kigali, kuwa 15 / 07 / 2019

**Dr. Emmanuel MUVUNYI**  
Umuyobozi Nshingwabikorwa

